**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU ITARIKI YA 22 UKWAKIRA 2015**

Ku wa kane tariki ya 22 Ukwakira 2015, saa cyenda n'igice z'amanywa (15h30) mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo, hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama**:

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama MUKESHIMANA Régine ( Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama BIGABIRO Charles Louis
4. Umujyanama GACONDO Frédéric
5. Umujyanama KANKINDI G. Rose
6. Umujyanama KAREGA Diogène
7. Umujyanama KAYISIRE Callixte
8. Umujyanama MUGENZI N. Léon
9. Umujyanama MUHINDA David
10. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
11. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
12. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
13. Umujyanama MUSSOLINI Eugène
14. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
15. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
16. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
17. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
18. Umujyanama SHEMA NGOGA Fabrice
19. Umujyanama UMULIZA Jackline
20. Umujyanama UWAMAHORO Claudine
21. Umujyanama UWANTEGE Olive
22. Umujyanama UWANTEGE Solange
23. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha

**Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu zizwi:**

1. Umujyanama KAREMERA Francis ( Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
3. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
4. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
5. Umujyanama MUNYANGEYO Dieudonné Kennedy
6. Umujyanama MUSIRIKARE David
7. Umujyanama NGENDO Alphonse

**Abandi bitabiriye inama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
2. Umuyobozi w'Ishami ry'Imari.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.**

Nyuma yo kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje kubitabiriye inama ingingo ziteganyijwe gusuzumwa, maze ku bwumvikane busesuye bemeza ko zikurikirana mu buryo bukurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 20 Nzeri 2015;
2. Raporo y'lnama y'Abaperezida ku bibazo yasuzumye mu nama yateranye ku wa 15/10/2015;
3. Raporo ya Komisiyo y'lmari n'lterambere ry'Ubukungu;
4. Raporo ku bibazo by'imyenda lnama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa muri iyi nama basuzumye ingingo ku yindi maze hemezwa imyanzuro ikurikira:

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 20 Nzeri 2015**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 20 Nzeri 2015, ndetse anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asubiza kuri iyo myanzuro; yemeza ko yose ishobora gushyirwa mu bikorwa kandi asaba ko ishyirwa mu bikorwa ryayo ryakwihutishwa.
Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo n'ibaruwa y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse isubiza kuri iyo myanzuro, bayikoreye ubugororangingo nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 48.1.663**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 20 Nzeri 2015, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya kabiri: Raporo y'Inama y'Abaperezida ku bibazo yasuzumye mu nama yateranye ku wa 15/10/2015.**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko raporo y'Inama y'Abaperezida ikubiyemo ingingo ebyiri zasuzumwe nk'uko babibonye muri raporo y'Inama y'Abaperezida bagejejweho: Ingingo irebana n'ibaruwa zandikiwe Umuyobozi w'Inama Njyanama n'iyo gutegura umwiherero wo kwemeza raporo z'imyaka itanu ya manda y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi.

**2.1. Ibaruwa zandikiwe Umuyobozi w'Inama Njyanama**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, yamenyesheje abari mu nama ko abari bagize Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo, bamwandikiye basaba kwegura ku bushake ku nshingano z'iyo Komisiyo**,** nyuma y'aho Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama bahuye na Komisiyo y'imitungo itagira bene yo nk'uko byari byasabwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo mu nama yateranye ku wa 20 Nzeri 2015, mu mwanzuro No 47.29.660, uvuga ko ***Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere bazahura bagasuzuma neza raporo y'ubugenzuzi Minisiteri y'Ubutabera yakoreye Komisiyo y'imitungo itagira bene yo n'uburemere bwayo maze bakazashyikiriza Inama Njyanama raporo kugira ngo hafatwe umwanzuro***.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yamenyesheje abari mu nama ko, nk'uko Inama y'Abaperezida yari yabisabye, yasubije izo baruwa abamenyesha ko ubwegure bwabo buzemezwa n'Inama Njyanama kandi ko baba bakomeje inshingano bari bafite muri Komisiyo mu gihe Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo itarafata icyemezo ku cyifuzo cyabo, ngo hemezwe uwo bazakorana ihererekanyabubasha. Yakomeje ababwira ko hashingiwe ku biteganywa n'Iteka rya Minisitiri N°002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena Amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ingingo ya 51 igika cya gatatu kivuga ku Nshingano z'Inama y'Abaperezida ko ***Inama y'Abaperezida igeza ku nama Njyanama imyanzuro yihutirwa yafashwe mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), kugira ngo iyemeze*** naho ingingo ya 52 igika cya 4 kivuga ko ***Inama y'Abaperezida ishyikiriza Inama Njyanama raporo y'imirimo mu nyandiko mbere y'uko Inama Njyanama iterana***, bityo asaba Inama Njyanama ko yatanga ibitekerezo kuri iyi raporo hagafatwa imyanzuro.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yamenyesheje kandi abari mu nama ko hari itegeko rishya ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, abamenyesha ko Inama y'Abaperezida yateranye ku wa 15.10.2015, mbere y'uko itegeko N°39/2015 ryo ku wa 22/08/2015 ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, risohoka kuko ryatangajwe mu igazeti ku wa 16/10/2015.

Yongeyeho ko bitewe n'uko ritavuga ibirebana na Komisiyo zishinzwe gucunga iyo mitungo, Komite Nyobozi y'Akarere yagishije inama Minisiteri y'Ubutabera, bakabamenyesha ko ubwo Inama Njyanama yari yateganyije muri gahunda gushyiraho Komisiyo isimbura abasabye kwegura yakomeza bitababuza gufata umwanzuro kuko biteganyijwe mu iteka riri gutegurwa nk'uko ingingo ya 11 y'itegeko ryavuzwe haruguru ribiteganya. Bityo asoza asaba Inama Njyanama ko yafata umwanzuro kuri raporo bagaragarijwe.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo y'Inama y'Abaperezida ku birebana n'ibaruwa abari bagize Komisiyo banditse basaba kwegura no kuzunguranaho ibitekerezo, bamaze no kureba abo Inama y'Abaperezida isabira kujya muri Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo, bunguranye ibitekerezo maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 48.2.664**

Hashingiwe kuri raporo y'Inama y'Abaperezida nayo yashingiye ku ibaruwa abari bagize Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo aribo: Bwana Gacondo Frederic, Bwana RWAMWAGA Alexis, Madamu MUKARUBUGA Ancilla na Madamu UWIMANA UMURISA. Enatha bandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere basaba kwegura ku nshingano bakoraga muri Komisiyo, Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yakiriye ubwegure bwabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro No 48.3.665**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze kugisha inama Minisiteri y'Ubutabera ifite mu nshingano imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, yashyizeho abagize Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo ku rwego rw'Akarere ka Gasabo bakurikira:

1. Bwana KAREMERA Francis
2. Bwana KAYISIRE Callixte
3. Bwana MBERABAHIZI Raymond Chretien
4. Madame UWANTEGE Olive
5. Madame MUKESHIMANA Régine

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro No 48.4.666**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gutumira mu gihe cya vuba Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu nama ya mbere, kugira ngo bitoremo abayobozi.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro No 48.5.667**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye abari bagize Komisiyo bacyuye igihe, gutegura ihererekanyabubasha rizashyikirizwa abagize Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo, mu nama izatumizwa na Komite Nyobozi, icyo gikorwa kikazatumirwamo Minisitiri w'Ubutabera na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**2.2.Umwiherero wo kwemeza raporo y'ibikorwa byakozwe mu myaka itanu ya manda ( iya Komite Nyobozi n'Inama Njyanama).**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko mu nama yahuje Komite Nyobozi y'Akarere na Biro y'Inama Njyanama baganiriye kuri gahunda yo gutegura raporo y'ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama ndetse n'ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere muri iyi myaka itanu ishize. Yabamenyesheje kandi ko babiganiriyeho no mu nama y'Abaperezida hakemezwa ko habaho umwiherero wo kwemeza raporo zizaba zarateguwe, ndetse abagezaho n'itsinda ryashyizweho ryashinzwe gutegura izo raporo, kugira ngo ziganirweho zemezwe kuko manda izarangira kuwa 31 Ukuboza 2015 kandi zigomba kuzatangwa mu ihererekanyabubasha, bityo abazatorwa mu yindi manda bazabone aho bahera. Yasobanuye kandi ko izo raporo zigomba kugaragaza ibikorwa by'ingenzi bitarangiye, kugira ngo bazabikomeze.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho umwanzuro w'Inama y'abaperezida ugena itsinda rizategura raporo y'ibikorwa byakozwe mu myaka itanu ya manda ya Komite Nyobozi n'Inama Njyanama, bunguranye ibitekerezo basanga itsinda rigomba no kwita ku bikorwa byakozwe n'ibyiciro byihariye biri mu Nama Njyanama, nyuma hemezwa imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 48.6.667**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gutegura umwiherero w'abagize Inama Njyanama, muri uwo mwiherero hakazasuzumwa kandi hakemezwa raporo y'ibikorwa byakozwe mu myaka itanu ya manda.

**Umwanzuro No 48.7.668**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashyizeho itsinda rizategura raporo y'ibikorwa byakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere n'iy'Inama Njyanama mu myaka itanu ya manda rigizwe n'abantu bakurikira:

1. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza;
2. Bwana BAGARAGAZA Boniface
3. Umunyamabanga w'Inama Njyanama
4. Abanditsi ba Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama;

5. Umwanditsi wa Komite Ngenzuzi
6. Madame BENIMANA Bernadette
7. Umuyobozi w'Ishami ry'imari mu Karere;
8. Madame UWINEZA Alice .
9. Madamu KAMANA Diane (Umujyanama wa Komite Nyobozi).

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatatu: Raporo ya Komisiyo y'lmari n'lterambere ry'Ubukungu**

Kubera ko Perezida wa Komisiyo yari yasabye uruhushya atitabiriye inama, Umwanditsi wa Komisiyo y'lmari n'lterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama ko raporo ya Komisiyo ikubiyemo, ibiciro by'umusoro w'ipatanti bizakoreshwa mu mwaka wa 2015-2016, umushinga wa DDP ivuguruye y'Akarere ka Gasabo n'imihigo irebana na Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu aho igeze ishyirwa mu bikorwa.

**3.1. Ibiciro by'umusoro w'ipatanti bizakoreshwa mu mwaka wa 2015-2016**

Umwanditsi wa Komisiyo yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye ibiciro byishyurwa ku ipantanti nk'uko byasabwe n'Inama Njyanama ku wa 20 Nzeri 2015, mu mwanzuro N° 47.13.644 uvuga ko *Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu kongera gusuzuma ibipimo byishyurwa ku ipantanti, ikifashisha Komite Nyobozi y'Akarere, raporo ikazayishyikiriza Inama Njyanama mu gihe cya vuba.* Asobanura ko nyuma yo gusuzuma no gusanga ibipimo by'umusoro w'ipatanti bigenwa n'itegeko, Inama Njyanama igasigarana gusa ububasha bwo kugena buri mwaka imbibi zifatwa nk'icyaro cyangwa nk'umujyi; aho Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo mu nama yo ku wa 13 Nyakanga 2012, mu mwanzuro No 18.01.286 yafashe, igaragaza ahafatwa nk'umujyi ndetse n'ahafatwa nk'inkengero z'umujyi, abagize Komisiyo batanze inama ko bahereye ku mbibi zemejwe n'Inama Njyanama yo ku wa 13 Nyakanga 2012 ndetse n'ibipimo by'umusoro w'ipatanti nk'uko bigenwa n'itegeko ko abishyura uyu musoro bakomeza gusora hagendewe ku bipimo nk'uko byagenwe n'itegeko no ku mbibi nk'uko zemejwe.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inama zatanzwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 48.8.669**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu no ku mwanzuro wemeje ahafatwa nk'umujyi n'ahafatwa nk'inkengero z'umujyi, ndetse no ku bipimo by'umusoro w'ipatanti nk'uko bigenwa n'itegeko no **N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011** rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo, yemeje ko abishyura umusoro w'ipatanti bakomeza gusora hagendewe ku bipimo bigenwa n'itegeko no ku mbibi zemejwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**3.2. Umushinga wa DDP ivuguruye y'Akarere ka Gasabo**

Umwanditsi wa komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo bagejejweho na Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo umushinga wo kuvugurura DDP ya Gasabo, nyuma yo gusanga hari ibipimo bidahura n'ibiteganyijwe muri $EDPRS_2$, bisabwa guhuzwa, yasobanuye kandi ko iri vugurura rya DDP y'Akarere rigamije kuyihuza n'igishushanyombonera cy'umujyi wa Kigali. Asobanura ko ubushakashatsi bushya bumaze gukorwa kuri DDP y'Akarere, bukaganisha ku miterere y'Akarere mu gihe cy'imyaka 10 iri imbere (2015-2025).

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yasobanuye ko ibitekerezo biri muri iyi DDP ivuguruye byakusanyijwe kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Akarere. Hakurikijwe gahunda yatanzwe n'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu, biteganyijwe ko Inama Njyanama y'Akerere ariyo izemeza iyi DDP ivuguruye bitarenze tariki ya 15 Ugushyingo 2015, kugira ngo ibizakosorwamo bizitabweho mu kuvugurura ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016. Hagaragajwe ko hari byinshi bigikeneye gukorwaho kuko mbere y'uko igezwa ku Nama y'Inama Njyanama izagaragarizwa abafatanyabikorwa nabo bakayitangaho ibitekerezo, kandi ko abari kuyitegura nabo bagifiteho byinshi byo gukora, ariko bizeza ko amatariki yateganyijwe azubahirizwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho umushinga wo kuvugurura DDP ya Gasabo no kumenyeshwa ko igomba kuba yemejwe n'Inama Njyanama bitarenze ku wa 15 Ugushyingo 2015, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 48.9.670**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, yemeje ko DDP y'Akarere ka Gasabo ivuguruye izemezwa n'Inama Njyanama ku wa 13 Ugushyingo 2015 saa munani z'amanywa, mbere y'uko Inama Njyanama ijya mu mwiherero wo kwemeza raporo y'ibikorwa by'imyaka itanu bya manda, umwiherero uzatangira ku wa 13-15 Ugushyingo 2015, isaba kandi Komite Nyobozi y'Akarere ko izategura aho uzabera.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**3.3. Aho imihigo irebena na Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu igeze ishyirwa mu bikorwa.**

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje abagize Inama Njyanama Komisiyo yakurikiranye imihigo y'Akarere iri mu cyiciro cy'iterambere ry'ubukungu aho basanze imihigo irebana n'ubukungu 32 ikaba ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda agera kuri



Mv

My

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibyo Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yasuzumye ku mihigo bagasobanurirwa ishusho y'aho imihigo igeze ishyirwa mu bikorwa no gusanga hari iyatangiye n'itaratangira bunguranye ibitekerezo, maze hatangwa inama ko Komisiyo zose zakurikirana imihigo hifashishijwe abakozi bayikurikirana kugira ngo hatangwe inama zibafasha kuyihutisha.

**<u>Ingingo ya kane</u> : Raporo ku bibazo by'imyenda Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana**

Kuri iyi ngingo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama isesengura ryakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere ku nyandiko zasabwe n'Inama y'Akarere ka Gasabo yo ku wa 20 Nzeri 2015 ku kibazo cy'umwenda w'amafaranga y'u Rwanda 8, 534, 030, Akarere ka Gasabo gafitiye Company AGRODEV n'umwenda w'amafaranga y'u Rwanda 37, 340, 513 Rwanda Housing Autority (RHA) ifitiye Akarere ka Gasabo ukomoka ku mafaranga Akarere kishyuye ingurane z'imitungo itimukanwa y'abaturage bari batuye i Nyarutarama ku kibanza Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yahaye Perezida wa Djibuti muri 2008 maze MININFRA igatanga amafaranga 38, 519, 876 aho kuba 75, 860, 389 angana n'ayishyuwe ingurane y'imitungo y'abaturage kuri icyo kibanza.

Yasobanuye ko uyu mwenda waragaragaye mu nyandiko y'ihererekanyabubasha ryabaye tariki ya 01 ukuboza 2009 ubwo Madamu NYINAWAGAGA Claudine wari weguye ku murimo w'Ubuyobozi bw'Akarere agasimburwa na Bwana NDIZEYE K. Willy wari umaze gutorwa.

Nyuma y'inyandiko zitandukanye hagati y'Akarere ka Gasabo, MININFRA na RHA kuri iki kibazo aho kugeza ubu impapuro zashingiweho kugira ngo hatangwe ingurane z'iyi mitungo zitaboneka mu bubiko bw'inyandiko bw'Akarere (archives), haboneka gusa urutonde rw'abaturage bahawe amafaranga na sheki bahawe, ariko ikirebana n'aho abaturage basinye cyarabuze.
Hashingiwe kandi kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta y'umwaka wa 2013-2014 yakorewe Akarere ka Gasabo ku rupapuro rwayo rwa 37, observation 8.1 aho asaba ko ku bijyanye n'imyenda Akarere ka Gasabo gafitiwe itagaragaza amahirwe yo kuzishyurwa, Inama Njyanama yafata umwanzuro ku gira ngo ivanwe mu bitabo by'ibaruramari, Komite Nyobozi y'Akarere yasabye ko uyu mwenda wavanwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo kuko icyizere ari gike cyo kubona izi nyandiko nyuma yo kuzishakira mu bubiko bwavuzwe haruguru no kubiganira n'abakoraga mu Karere muri servisi y'imari ndetse n'abari bashinzwe kugena agaciro k'imitungo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho isesengurwa ryakozwe no gusanga ubutaka bwishyuwe buhari, bigaragaza ko abaturage bari bafite imitungo ahari icyo kibanza ko bishyuwe no kumenyeshwa ko uwagombaga guhabwa ikibanza yagihawe ndetse yahawe n'ibyangombwa byacyo byanditse mu mazina ye n'ubwo ntagikorerwamo, naho Campany AGRODEV itigeze yishyurwa nk'uko byasabwe n'Inama Njyanama, bunguranye ibitekerezo bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 48.10.671**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Umuyobozi w'Inama Njyanama kuzatumira Company AGRODEV mu nama y'Inama y'Abaperezida itaha akaganirizwa ku kibazo cye cy'umwenda afitiwe n'Akarere, bakazageza raporo ku Nama Njyanama mu nama itaha.

**Umwanzuro No 48.11.672**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, imaze gusanga hari urutonde rw'abahawe amafaranga ya ''expropriation'' na sheki zahawe abaturage ariko hakabura imyirondoro y'abo na raporo ya ''*expropriation''* igaragaza ingano y'umutungo buri wese yari afite, yasabye Umuyobozi w'Akarere gusura icyo kibanza hakarebwa niba abaturage bakorewe ''expropriation'' bakishyurwa, baboneka bakaganirizwa hakaboneka andi makuru yagenderwaho mukwishyuza RHA. Raporo ikazashyikirizwa Inama Njyanama.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

Inama yari yatangiye saa cyenda n'iminota mirongo itatu z'amanywa (15h30), yashoje imirimo yayo saa moya n'iminota mirongo ine n'itanu z'ijoro (19h45), Umuyobozi w'Inama Njyanama asoza ashimira abayitabiriye.

Bikorewe i Gasabo ku wa 22 Ukwakira 2015.

Umwanditsi w'inama

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama:

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.